

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI
B.P. 622 - KIGALI

*IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE
INTEGANANYIGISHO*

INTEGANANYIGISHO Y' IMIBARE MU MASHURI ABANZA (P1, P2, P3)

Kigali, Nyakanga 2005

I. IRIBURIRO

Imibare ni inyigisho itoza umunyeshuri gutekereza ku buryo buhwitse. Bityo igatuma umunyeshuri arushaho kumva neza inyigisho zindi. Ni igikoresho cyifashishwa mu nyigisho zimwe na zimwe zo mu mashuri abanza.

(Ubumenyi n' Ikoranabuhanga Riciriritse, Ubumenyi bw' Isi,...).

Integanyanyigisho y'imibare y'amashuri abanza igizwe n'ibi :

- Ibara
- Ingero
- Jewometiri
- Arijebare
- Ibishushanyo ndanga miterere n'isobanurwa ryabyo.

Iyi nteganyanyigisho izafasha umunyeshuri gukurikira imibare yo mu byiciro byisumbuye n'izindi nyigisho bifitanye isano ku buryo bunononsoye; ikamutegurira imibereho myiza mu buzima busanzwe nko gucunga umutungo, gukoresha ingero, gusoma no gusobanukirwa n'ibishushanyo ndangamiterere byoroheje.

Iyi nteganyanyigisho iteguwe ishingiye ku gitekerezo cyo kuvugurura no guhuza integanyanyisho z'Amashuri Abanza yo mu Rwanda n'ay'ibihugu duturanye kugira ngo inyigisho z' imibare zijyane n'ibyo abenegihugu bakeneye muri iki gihe, ikaba igenewe abanyeshuri bo mu cyiciro cya mbere n'ab'icya kabiri cy'amashuri abanza mu Rwanda.

II. IMBONEZANYIGISHO RUSANGE

Isano riba mu mashami y'imibare rizwiho ko ari ingirakamaro. Ni na yo mpamvu ku ngengabihe hagomba kwandikwaho IMIBARE aho kwandikwaho buri shami riyigize, nk'ibara, Ingero, Jewometiri, Arijebure n'Ibushushanyo ndangamiterere.

Iyo nyigisho yagira akamaro ari uko bakoze imyitozo, bakagira n'inshoza z'i banze. Muri buri somo, abanyeshuri bagomba gushishikarizwa kungurana ibitekerezo ku mahame y'imibare no kumenya neza amagambo ayikoreshwamo.

III. INTEGO RUSANGE KU MASHURI ABANZA

1. Gukoresha ubumenyi bw'ibanze n'ubumenyingiro yahawe akora ibibazo by'imibare
2. Kwifashisha ibara ryihuta mu gukemura ibibazo byo mu buzima busanzwe
3. Gukoresha ubumenyi mu mibare kugira ngo azashobore gutera imbere mu myigire no gusobanukirwa mu bindi byigwa.

IV. INTEGO RUSANGE ZO MU CYICIRO CYA MBERE

Umunyeshuri urangije icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza azaba ashobora:

1. Gukemura utubazo dutandukanye ahura na two mu buzima bwa buri munsi, yifashishije amategeko ane y'ibara ku mibare kuva kuri 0 kugeza ku 10 000
2. Gukoresha ubumenyi yahawe mu bijyanye n'ingero n'amashushongero mu gukemura ibibazo byoroheje byo mu buzima busanzwe
3. Kwifashisha ubumenyi yahawe mu mibare kugira ngo azabashe gukurikira neza inyigisho zo mu cyiciro cya kabiri cy 'amashuri abanza

V. INTEGANANYIGISHO

INTEGANANYIGISHO Y'UMWAKA WA MBERE

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere agomba gushobora :</i></p> <p>1) Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 99</p>	<p>1. <u>UMUTWE WA MBERE</u> <u>Ibara n'amategeko varyo</u></p> <ul style="list-style-type: none"> - Imivugire, imisomere n'imyandikire by'imibare kuva kuri 0 kugeza ku 99. - Isesengura ry 'imibare iri hasi ya 100 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutegura imfashanyigisho zihagije zirimo utubuye, udushyimbo, intobo n'ibindi - Gufasha abana kwerekana imfashanyigisho iijyanye n'umubare ugiye kwigwa, uhoreye kuri 1 kugera ku 9 - Kwerekana imisomere n'imyandikire , ya buri mubare - Kwigisha 0 : guha umwana udushyimbo 5 (cyangwa ibindi bintu), kutumwaka no kubaza icyo umwana asigaranye

		<ul style="list-style-type: none"> - Ku binyacumi, gukora uturundo tw'ibantu icumi icumi, kwerekana ko buri karundo ari ikinyacumi - Kwigisha 10: gushushanya hasi utuziga 2, gushyira mu kaziga kamwe ibantu 10 akandi karimo ubusa, ikinyacumi kigahagarirwa na 1, ubusa bugahagarirwa na 0 - Kwerekana uko icumi ryandikwa - Kwigisha 11 kugeza kuri 99: kurunda ibantu icumi icumi mu matsinda nyuma bakongeraho ikinyabumwe bagezeho - Kwerekana uko iyo mibare yandikwa - Kugereranya imibare kuva kuri 0 kugera kuri 99: kugabanya abanyeshuri imfashanyigisho mu buryo bunyuranye (imibare irutana, ingana), kubarira hamwe bakoresheje ibyo umwe afite bakabigereranya - Kubabwira no kubereka uko ibimenyetso by'igereranya byandikwa n'uko bikoreshwa
2) Kugereranya imibare 2 iri munsi ya 100 akoresheje <, >, na =	<ul style="list-style-type: none"> - Igereranya ry'imibare ibiri iri hasi ya 100 - Itonde ry'imibare itarenze 5 iri hagati ya 0 na 99 uva ku muto ugana ku munini cyangwa uva ku munini ujya ku muto 	

3) Guteranya no gukuramo imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 99	<ul style="list-style-type: none"> -Iteranya ritabitsa ry'imibare igiteranyo kitarenga 99 -Ikuramo ridatira ry'imibare ibiri iri hagati ya 0 na 99 -Isesengura ry'imibare iri hagati ya 0 na 10 mo ibiteranywa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha uturundo tw'ibintu binyuranye mu myigishirize yo guteranya no gukuramo - Kwifashisha utuziga dushushanyijemo ibintu bihuje n'imibare dushaka guteranya cyangwa gukuramo - Kwerekana imyandikire y'ibimenyetso + , - na =
4) Gukuba na 2 kuva kuri 1 kugeza ku 10	<ul style="list-style-type: none"> - Mara ya 2, igisubizo kitarenga 20 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imfashanyigisho bagenda bakora uturundo tungana n'umubare w'inshuro bagezeho kugera ku 10 - Gukoresha imbonerahamwe irimo ibyo bamaze gukora - Kwerekana ikimenyetso cyo gukuba (X)
5) Kugereranya imibare irimo iteranya ,ikuba n'ikuramo akoresheje ibimenyetso>, <, na =	<ul style="list-style-type: none"> - Igereranya ry'imibare hakoreshejwe ibimenyetso <, > na = <p>Ingero : 4 - 3 < 8 - 6 $7 \times 2 > 5 \times 2$ $14+5 = 16+3$</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gukora imyitozo inyuranya igereranya imibare ikubye, iteranyije cyangwa ikuyemo

<p>6) Gukora uduhurizo dufitanye isano n'ibyo abona buri munsi kandi tuzamo amategeko y'ibara.</p>	<p>- Uduhurizo ku mategeko y'ibara</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abanyeshuri gukora uduhurizo duto ku mategeko y'ibara tuboneka mu buzima busanzwe - Kubamenyereza kwerekana inzira y'igisubizo
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere agomba gushobora :</i></p>	<p><u>UMUTWE WA 2 :</u> <u>IBYEREKEZO</u> <u>N'AMASHUSHONGERO</u></p>	
<p>1) Kuvuga no kwerekana umwanya w'ibantu cyangwa w'abantu akurikije aho biherereye.</p>	<p>- Hejuru, hasi; imbere, inyuma; hepfo, haruguru; iburyo, ibumoso; hirya, hino.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imfashanyigisho ziboneka mu bintu bibakikije mu ishuri cyangwa hanze - Kubaza abana aho ibantu biherereye(umwanya wabyo)
<p>2) - Kuvangura no gushushanya imirongo akurikiza uko iteye</p> <p>- Kwerekana utudomo akurikije aho duherereye</p>	<p>- Imirongo : ifunze, igororotse, ihese n'ivunaguye</p> <p>- Utudomo turi : imbere, inyuma no ku murongo ufunze</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha utugozi n'uduti bakigana imirongo mwarimu yashushanyije - Kubishushanya mu makayi yabo

3) Gushushanya ikinyatuzu cy'inkingi 4 n'imbariro 4.	<ul style="list-style-type: none"> - Inkingi, imbariro, ikinyatuzu, 	<ul style="list-style-type: none"> - Kujujana abana hanze bagashinga uduti bagatambikaho utundi duti - Gusobanura ko uduhagaze ari inkingi, udutambitse ari imbariro - Gushushanya mu makayi yabo
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa mbere agomba gushobora :</i></p> <p>1)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kugereranya indeshyo y'abantu, y'ibantu cyangwa y'ahantu - Gupima uburebure bwabyo - Gukora uduhurizo dufitanye isano n'ingero z'uburebure 	<p><u>UMUTWE WA 3 : INGERO</u></p> <ul style="list-style-type: none"> - Igereranya ry'indeshyo akoresheje ijisho (abantu, ibantu, ahantu) - Ipima : <ul style="list-style-type: none"> - intambwe y'ikiganza - intambwe y'amaguru - udukoni - m ku burebure butarenze m 10. - Uduhurizo ku burebure muri m. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufata ibintu bifite uburebure butandukanye ukabishyira imbere y'abana bakabigeranya - Kujya hanze bagapimisha uburyo butandukanye ibintu bihari - Kwifashisha Iratí ya metero bagapima umugozi, inkuta cyangwa ubundi burebure butarenza metero 10 - Kwerekana uko metero yandikwa - Gukora imyitozo y'iteranya n'ikuramo baterenza m 10 - Gutoza abana gukora uduhurizo duto turebana n'ubuzima bwaburi munsi

<p>2) Gutandukanya iminsi y'icyumweru</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Icyumweru n'iminsi yacyo. - Umunsi wa none, uw'ejo n'ejobundi hashize n'ahazaza 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha utubazo mu gutandukanya iminsi ukurikije ibikorwa by'ingenzi biba mu karere (iminsi y'amasoko, iminsi ya gacaca, iminsi yo gusenga, n'ibindi n'ibindi) - Guhera ku gokino, aho abana bitwa amazina y'iminsi y'icyumweru, wahamagara umunsi, umwana ufile iryō zina ukiyerekana
<p>3)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amafaranga y'u Rwanda kuva ku giceri cy'ifaranga - kugeza ku noti y'amafaranga 100. - Kuvunja amafaranga atarenze 100. 	<ul style="list-style-type: none"> - Amafaranga y'u Rwanda kuva ku ifaranga rimwe kugeza ku mafaranga ijana. - Ivunja ry'amafaranga atarenze 100 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwereka abana amafaranga arimo ibiceri, inoti y'ijana - Gutandukanya ibiceri bakurikije amabara, ubunini bwabyo n'imibare yanditseho - Gutanga uduhurizo duto two kuvunja

IGIHEMBWE CYA MBERE

ICYUMWERU	IBARA	INGERO	IBYEREKEZO N'AMASHUSHONGERO
1	Ibara kuva kuri 1 kugera kuri 5	_____	- Amerekezo : hasi; hejuru; iburyo; ibumoso; inhuma
2	Ibara kuva kuri 1 kugera kuri 5	_____	- Guca imirongo ihagaze n' itambitse
3	Kubara, gusoma no kwandika 1 na 2	_____	- Guca imirongo ifunguye n' ifunze
4	Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4.	_____	- Guca imirongo ivunaguye
5	Ibara kuva kuri 5 kugera 10.	_____	- Guca imirongo ireshya
6.	Kubara, gusoma no kwandika imibare : 5, 6 na 7.	- Igereranya ry'uburebure bw'ibuntu n'ubw'abantu	_____

7.	Kugereranya imibare bakoresha ibimenyetso : < , > na =	—	—
8.	Kubara, gusoma no kwandika imibare : 8, 9 na 0.	- Ipima ry'uburebure bakoresha intambwe, udukoni, utwambi, n'ibindi.	—
9	Guteranya na 1 na 2, 3, 4 na 5 igiteranyo kitarenga 9.	- Ipima ry'uburebure bakoresha intambwe, udukoni, n'ibindi.	—
10	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
11	Ikizami	Ikizamini	Ikizamini

IGIHEMBWE CYA KABIRI

ICYUMWERU	IBARA	INGERO	IBYEREKEZO N'AMASHUSHONGORO
1.	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
2.	Kubara, gusoma no kwandika umubare 10.	- Ingero z'uburebure : metero (m)	_____
3.	Gukuramo 1 na 4	_____	Guca imirongo inyuranye
4.	Gukuramo imibare, iri munsi ya 10, umuto utarenze 5.	- Gupima uburebure butarenze m 10.	Kwerekana utudomo turi imbere, inyuma cyangwa ku murongo ufunze.
5.	Gukuramo imibare iri munsi ya 10 umuto utarenze 9.	- Guteranya ingero z'uburebure (m), - igiteranyo kitarenze m 10.	_____
6.	Imyitozo yo guteranya no gukuramo igiteranyo kitarenga 10.	- Gukuramo ingero z'uburebure (m), - batarenza m 10.	_____

7.	Uduhurizo ku guteranya no gukuramo igisubizo kitarenga 10.	- Icyumweru n'iminsi yacyo	Guca imirongo ireshya
8.	Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20.	—	—
9.	Kugereranya imibare bakoresheje < ; >, =	—	—
10.	Imyitozo yo guteranya, igiteranyo kitarenga 20, no gukuramo hakoreshejwe imibare iri hasi ya 20	—	—
11.	idem	- Uduhurizo ku ngero z'uburebure - igisubizo kitarenga m 20.	—
12	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
13	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

IGIHEMBWE CYA GATATU

ICYUMWERU	IBARA	INGERO	IBYEREKEZO N'AMASHUSHONGERO
1.	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
2.	Kubara, gusoma no kwandika Imibare kuva ku 10 kugera kuri 30.	Ingero z' uburebure : m Gupima uburebure bitarenze m 30.	Guca imirongo igororotse.
3.	Gusesengura imibare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi kuva ku 10 kugera kuri 30.	_____	Imyitozo ku byerekezo : hasi, hejuru, iburyo, ibumoso, imbere n'inyuma
4.	Kubara, gusoma, kwandika, no kugereranya imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60.	Amafaranga y'u Rwanda kuva ku ifaranga rimwe kugera ku mafaranga 50.	_____

5.	Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi	.	_____	_____
6.	Mara ya 2 - igisubizo kitarenze 20.	_____	Inkingi, imbariro n'ikinyatuzu	
7.	Kubara, gusoma, kwandika no kugereranya imibare kuva kuri 60 kugera kuri 99.	Amafaranga y'u Rwanda kuva F1 kugera F 100. Ivunja ry'amafaranga atarenze 100		_____
8.	-Imyitozo yo : gutteranya no gukuramo igisubizo kitarenga 50. -Imyitozo yo gukuba na 2 igisubizo kitarenga 20	Imyitozo yo gutteranya no gukuramo ingero z'uburebure igisubizo kitarenga m 50.		_____

9.	Gusesengura umubare uri munsi ya 100 mo Ibinyabumwe n'ibinyacumi.	Ingero z'uburebure : gupima ahantu hatarenze m 99.	_____
10	Uduhurizo ku guteranya, gukuramo igisubizo kitarenga 99. Uduhurizo ku gukuba na 2 igisubizo kitarenga 20	Imyitozo yo guteranya no gukuramo mu ngero z'uburebure, igisubizo kitarenga m 99.	_____
11	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
12	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

INTEGANANYIGISHO Y' UMWAKA WA KABIRI

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri agomba gushobora :</i></p> <p>1) Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 999.</p>	<p><u>UMUTWE WA MBERE :</u> <u>Ibara n'amategeko yaryo</u></p> <ul style="list-style-type: none"> - Imivugire, imisomere n'imyandikire by'imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 999. - Isesengura ry'imibare y'imibarwa 3 mo ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwibutsa imivugire n'imyandikire kuva kuri 0 kugeza kuri 99 - Kwigisha 100: gushushanya hasi utuziga 10, gushyira muri buri kaziga ibantu 10 - Gushushanya ikiziga kinini kigashirwamo ibyari muri twa tuziga 10 - Gusobanurira abana ko icyo kiziga kigizwe n'ibinyacumi cumi ari ikinyejana kimwe - Kwerekana uko 100 ryandikwa hakoreshejwe ikibarisho kirimo ibinyacumi 10 n'akaziga karimo ubusa, bityo 10 rikongerwaho 0 bikaba 100 - Kwigisha 101 kugeza kuri 109: Gukoresha

		<p>uburyo bwavuzwe haruguru, ikinyabumwe kigezweho kigashyirwa mukaziga karimo ubusa</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana uko iyo mibare yandikwa - Kwigisha 110 kugera 999: kwerakanisha ibinyajana na kare nini, ibinyacumi kare nto n'ibinyabumwe ugakoresha udukoni Izo kare zigomba kuba zingana n'umubare w'ibinyejana cyangwa ibinyacumi biriho byigwa, n'udukoni tukangana n'ibinyabumwe <p>Kwifashisha imbonerahamwe y'ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe mu kugereranya imibare</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana uko bateranya n'uko bakuramo imibare bahagaritse, ibinyabumwe munsi y'ibinyabumwe ibinyacumi munsi y'ibinyacumi, ibinyajana munsi y'ibinyajana hakoreshejwe imbonerahamwe y'ibara - kwerekana uko bateranya babitsa n'uko bakuramo batira
<p>2) Kugereranya imibare iri munsi ya 1000, akoresha ibimenyetso >, < na =</p> <p>3) Guteranya imibare igiteranyo kitarenga 999</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Igereranya ry'imibare, ikoreshwa ry'ibimenyetso >, < na = - Iteranya ritabitsa igiteranyo kitarenga 999 - Iteranya rihagaritse ribitsa inshuro imwe igiteranyo kitarenga 999 - Iteranya rikoresha udukubo 	

4) Gukuramo imibare iri munsi ya 1000	<ul style="list-style-type: none"> - Ikuramo ridatira - Ikuramo riagaritse ritira inshuro imwe - Ikuramo rikoresha udukubo 	
5) Gukuba umubare utarengeje imibarwa ibiri na 2 kugera kuri 6	<ul style="list-style-type: none"> - Mara ya 2 kugeza ku ya 6 - Ikuba ritabitsa - Ikuba ribitsa 	
6) Kugabanya umubare utarengeje imibarwa ibiri na 2, 3, 4	<ul style="list-style-type: none"> - Igabanya ridasagura 	
- Kugabanya ikintu mo ibice 2 cyangwa bine bingana no kwerekanisha ibyo bice iyi migabane : $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$.	<ul style="list-style-type: none"> - Imigabane : $\frac{1}{2}$, $\frac{1}{4}$. 	
7) Gushaka ibisubizo by'uduhurizo duto akoresha ibimenyetso 4 by'ibanze by'ibara.	<ul style="list-style-type: none"> - Amahurizo ku mategeko n'ibimenyetso by'ibara. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga amahurizo yoroshye yo mubuzima busanzwe - Gutoza abana kwerekana inzira y'igisubizo

*Umunyeshuri urangije
umwaka wa 2 agomba
gushobora :*

1)

- Gupima uburebure muri m, ibitembabuzi muri l n'uburemere muri kg.
- Gutanga amasano ari hagati ya metero, desimetero na santimetro (m, dm, cm) uva ku kinini ujya ku gito.
- Gukora amahurizo yoroshye arimo m, dm, cm; l na kg.

- UMUTWE WA 2 : ingero

- Ingero z'uburebure muri m, iz'ibitembabuzi muri l n'iz'uburemere muri kg.
- Isano hagati ya m, dm, cm.
- Amahurizo ku ngero z'uburebure, z'ibitembabuzi n'iz'uburemere.

- Gukoresha imfashanyigisho zabugenewe bapima uburebure , ibitembabuzi n' uburemere bw'ibantu bitandukanye

- Gutangira amasomo y'ingero hanze abanyeshuri bapima, bagereranya nyuma bagera mu ishuri bagatanga umwanzuro w'ibyo babonye hanze, bagakora n'imyitoto

<p>2)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya amafaranga y'amanyarwanda no kuyavunja. <p>3)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga umubare w'iminsi, w'ibyumweru, w'amezi biri mu mwaka n'uko birutanwa. - Kuvuga igihe arebera ku isaha : 	<ul style="list-style-type: none"> - Amafaranga y'amanyarwanda n'ivunja ryayo kuva ku giceri cya F1 kugeza ku noti ya F 1000. <ul style="list-style-type: none"> - Iminsi y'icyumweru - Ibyumweru by'ukwezi - Iminsi y'ukwezi, iminsi y'umwaka, ibyumweru by'umwaka n'amezi y'umwaka <ul style="list-style-type: none"> - Igihe : - Urushinge rwerekana amasaha n'urushinge rwerekana iminota - Isaha ishyitse, isaha irengaho cyangwa iburaho igice. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo bwakoreshejwe mu wa mbere <p>Kwifashisha indangaminsi</p>
--	---	--

<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa kabiri agomba gushobora :</i></p>	<p><u>UMUTWE WA 3 :</u> <u>AMASHUSHONGERO</u> <u>N'IBYEREKEZO</u></p>	
<p>1)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvangura no guca imirongo 	<ul style="list-style-type: none"> - Imirongo : igororotse, ihese, ivunaguye, ifunguye, ifunze, inyuranamo, itanyuranamo n'iyyinyuramo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo bwakoreshejwe mu wa mbere
<ul style="list-style-type: none"> - Kuvangura utudomo akurikiza aho duherereye 	<ul style="list-style-type: none"> - Utudomo turi: imbere, inyuma no ku murongo ufunze. - Ikinyatuzu kitarengeje imbariro cumi n'inkingi cumi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo bwakoreshejwe mu wa mbere
<p>2)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuranga ibishushanyo biri mu kinyatuzu akoresheje inyuguti cyangwa imibare 	<ul style="list-style-type: none"> - Iranga ry'amapfundu y'ikinyatuzu hakoreshejwe imibare. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwita inkingi imibare n' imbariro inyuguti - Kuranga akadomo kari ku ihuriro ry'urubariro n'inkingi

<p>3)</p> <ul style="list-style-type: none"> - Kuvangura kare, urukiramende, mpandeshatu mu bindi binyampande. - Gushushanya : <ul style="list-style-type: none"> • Kare n'urukiramende yifashishije ikinyatuzu (ku rubaho, mu ikaye,...) • Mpandeshatu yifashishije kare, urukiramende cyangwa utudomo 3. • Gupima impande no gushaka umuzenguruko : <ul style="list-style-type: none"> ○ Kare ○ Urukiramende ○ Impandeshatu 	<ul style="list-style-type: none"> - Ibiranga : <ul style="list-style-type: none"> Kare Urukiramende Mpandeshatu - Imyitozo yo gushushanya - Umuzenguruko wa : <ul style="list-style-type: none"> - Kare - Urukiramende - Mpandeshatu 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ibintu n'amashusho byinshi bimeze nka buri kinyampande - Gutoza abana gushushanya bakoresha uducamirongo - Gufasha abana gupima impande no gushaka umuzenguruko w'ibintu binyuranye bifite ishusho rya kare, urukiramende na mpandeshatu
---	--	--

UMWAKA WA 2 : IGIHEMBWE CYA MBERE

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Kubara, gusoma, kwandika, gusesengura no kugereranya imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 20	gupima na m utarenza m 200	imirongo ihetse
3	Imyitozo yo guteranya no gukuramo imibare batambitse, bahagaritse kandi badatira	iminsi y'icyumweru	imirongo itanyuranamo n'inyuranamo
4	Mara ya 2 n'iya 3 Igiteranyo n'ikinyuranyo na 10	ingero z'uburebure m na dam	imirongo ifunguye n'ifunze
5	Igereranya ry'imibare bakoresha >, < na =	isano hagati ya m, dm na cm	imirongo ivunaguye
6	Iteranya ritabitsa, igiteranyo kitarenga 999 Iteranya ribitsa inshuro 1 igiteranyo kitarenga 999	ihinduranya ry'ingero z'uburebure kuva kuri m--cm	-
7	Mara ya 4 n'iya 5 Imyitozo y'ikuba, iteranya batabitsa	-	utudomo tw'inyuma, imbere cyangwa ku murongo ufunze

8	Ikuramo ridatira bahita batanga ikinyuranyo	Ingero z'itwara : litiro	-
9	Mara ya 6 Mbare bateranya cyangwa bakuramo	Imyitozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure n'izitwara igisubizo kitarenga 200	-
10	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
11	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

UMWAKA WA 2 : IGIHEMBWE CYA KABIRI

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Kugabanya ibikuba n'ibiteranyo by'imibare	-	-
3	Kubara , gusoma no kwandika imibare kuva ku 100 kugeza kuri 500	ingero z'uburemere “kg”	-
4	Gusesengura no kugereranya imibare kuva ku 100 kugeza kuri 500	-	imirongo igorortse
5	Gusesengura umubare w' imibarwa 3 utarenga 500 mo ibinyabumwe, ibinyacumi n'ibinyajana	ingero z'uburebure kuva kuri m kugera kuri cm	-
6	Imyitozo yo gukuba, guteranya no gukuramo babitsa badatira	ihinduranya ry'ingero z'uburebure kuva kuri m, dm, cm	Inkingi, imbariro n'ikinyatuzu
7	- mbare yo gukuba - gukuramo batira	Amafaranga y'u Rwanda kugera kuri F500	ikinyatuzu kitarengeje inkingi 10 n'imbariro 10

8	Gukuba babitsa cyangwa batabitsa umubare w'imibarwa 3 n'imibare y'umubarwa 1 igisubizo kitarenga 500.	Imyitozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburemere n'iz'uburebure	-
9	Kugabanya na 2 na 3	Ivunja ry'amafaranga : inoti ya 500	Kuranga no gushushanya kare
10	Igabanya ridasagura	Uduhurizo turimo ingero z'uburebure, uburemere n'itwara bakoresha amategeko y'ibara	-
11	Uduhurizo ku mategeko y'ibara	-	-
12	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
13	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

UMWAKA WA 2 : IGIHEMBWE CYA GATATU

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Kubara, gusoma, kwandika imibare kuva kuri 500 kugeza kuri 999.	iminsi y'icumweru ibyumweru by'ukwezi	ibiranga urukiramende
3	Gusesengura no kugereranya imibare kuri 500 kugeza kuri 999.	amafarang y'u Rwanda kugeza ku 1000	-
4	Guhita utanga igikubo cy'imibarwa 3 na 10	iminsi y'ukwezi ingero z'uburebure kuva kuri m kugera kuri cm	ibiranga mpadeshatu
5	Kugabanya udasagura umibare utarengeje imibarwa 2, ikigabanyo kigizwe n'umubarwa 1	iminsi y'umwaka ihinduranya ry'ingero z'uburebure	umuzenguruko wa kare
6	Imyitozo yo guteranya babitsa no gukuramo batira	ibyumweru by'umwaka, gukoresha amategeko y'ibara mu ngero	umuzenguruko w'urukiramende

7	Gukuba babitsa	ibyumweru by'umwaka, gukoresha amategeko y'ibara mu ngero	umuzenguruko w'urukiramende
8	Mbare yo gukuba no kugabanya	Isaha ishyitse	umuzenguruko wa mpandeshatu
9	Imigabane 1/2 na 1/4	isaha irengaho cyangwa iburaho igice	imyitozo kuri kare, urukiramende na mpadeshatu
10	Uduhurizo ku mategeko y'ibara, igisubizo kitarenze 999	Ivunja ry'amafarange y'u Rwanda kugera ku noti ya 1000	-
11	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
12	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

INTEGANANYANYIGISHO Y'UMWAKA WA GATATU

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa 3 agomba gushobora :</i></p> <p>1. Kubara gusoma no kwandika imibare kuva kuri 0 kugeza ku 9999</p> <p>2. Kugereranya imibare y'imibarwa itarenze 4.</p>	<p><u>UMUTWE WA MBERE :</u> <u>ibara n'amategeko yaryo</u></p> <p>A. <u>IMIBARE ISHYITSE</u></p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibara, imisomere, imyandikire by'imibare igeza ku mibarwa 4. - Isesengura ry'imibare igeza ku mibarwa 4 mo ibinyagihumbi, ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe. - Igereranya ry'imibare hakoreshejwe ibimenyetso >, < na = - Itonde ry'imibare itarengeje imibarwa ine uhoreye ku muto ujya ku munini cyangwa uva ku munini ujya ku muto 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwibutsa imivugire n'imyandikire kuva kuri 0 kugeza kuri 999 - Kwigisha 1000: kwifashisha imbonerahamwe y'ibara - Kwigisha 1001 kugeza kuri 9999 hifashijwe imbonerahamwe y'ibara - Kwifashisha imbonerahamwe y'ibinyagihumbi, ibinyajana, ibinyacumi n'ibinyabumwe mu kugereranya imibare no kuyitondeka

INTEGO ZIHARIYE	IBYIGWA	IMBONEZAMASOMO
3. Guteranya imibare igiteranyo kitarenze 9 999	- Igiteranyo cy'umubare na 10, 100, 1 000, igisubizo kitarenga 9 999	- Kwerekana uko bateranya n'uko bakuramo imibare bahagaritse, ibinyabumwe munsi y'ibinyabumwe ibinyacumi munsi y'ibinyacumi, ibinyajana munsi y'ibinyajana n'ibinyagihumbi munsi y'ibinyagihumbi hakoreshejwe imbonerahamwe y'ibara
4. Gukoresha ibiranga iteranya	- Iteranya ritabitsa - Iteranya ribitsa	
5. Gushaka ikinyuranyo cy'imibare ibiri itarenze 9 999.	- Ihinduranya ritanyuranya mu iteranya - Ikunganya ridahindura igiteranyo. - Ikuramo ridatira - Ikuramo ritira.	- kwerekana uko bateranya babitsa n'uko bakuramo batira
6. Gukuba umubare w' imibarwa 3 n'umubare w'imibarwa itarenze 2, igisubizo kitarenga 9 999.	- Mara ya 7, 8 n'iya 9 - Igikubo cy'umubare w'imibarwa 3 n'umubare w'imibarwa itarenze 2. - Umugabo wa 9.	- Gukoresha muri mara uburyo bwakoreshejwe mu mwaka wa mbere - Kwifashisha mara agakuba mu buryo buhagaritse - Kwerekana uko batanga umugabo wa 9 bahereye ku ngero zo mu ikuba rihagaritse

7. Gukoresha ibiranga ikuba	<ul style="list-style-type: none"> - Ihinduranya ritanyuranya mu ikuba - Ikunganya ridahindura igikubo. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ingero mu kwerekana ihinduranya n'ikunganya
8. Gukuba umubare na 10, 100, 1000, igikubo kitarenze 9 999.	<ul style="list-style-type: none"> - Igikubo cy'imibare na 10, 100, 1000 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abana gutahura amategeko y'ikuba
9. Kugabanya umubare w'imibarwa 3 n'umubare w'umubarwa umwe.	<ul style="list-style-type: none"> - Igabanya ridasagura - Igabanya risagura ry'imibare y'imibarwa 3 n'umubare w'umubarwa umwe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ingero mu igabanya ridasagura n'irisagura
10. Kugabanya na 10, 100, 1000 imibare itarenze 9 999 iherwa n'amazeru atarenze 3.	<ul style="list-style-type: none"> - Igabanya na 10, 100, 1000 ry'imibare itarenze 9 999 iherwa n'amazeru atarenze 3. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gufasha abana gutahura amategeko y'igabanya
11. Gukora imyitozo ku mategeko y'ibara.		
12. Gukora amahurizo afitanye isano n'amategeko y'ibara.	<ul style="list-style-type: none"> - Imyitozo ku mategeko y'ibara. - Amahurizo ku mategeko y'ibara. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga imyitozo inyuranye - Gutanga amahurizo yo mu buzima busanzwe

<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa 3 agomba gushobora :</i></p>	<p>B. <u>IMIGABANE</u></p>	
<p>1) Gusoma, kwandika no gushushanya imigabane itarenze ikizima kimwe, icyita kitarenze 10</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Imisomere, imyandikire n'imishushanyirize by' imigabane itarenze ikizima 1, icyita kitarenze 10. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha imfashanyigisho mu kwigisha imigabane - Kugaragaza imigabane hakoreshejwe ibishushanyo - Kwerekana imyandikire y'umugabane n'ibiwugize (icyita n'ikibara)
<p>2) Kugereranya imigabane ihuje icyita itarenze ikizima kimwe.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Igereranya ry' imigabane ihuje icyita itarenze ikizima kimwe, icyita kitarenze 10 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo busanzwe mu igereranya ry' imigabane ihuje icyita gusa
<p>3) gushaka umugabane w'umubare ushyitse, igisubizo ari umubare ushyitse.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Imigabane y' imibare ishyitse, ikibara kitarenze 1, icyita kitarenze 10, igisubizo ari umubare ushyitse. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ibishushanyo mu gushaka umugabane w'umubare ushyitse
<p>4) Guteranya cyangwa gukuramo imigabane</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Iteranya cyangwa ikuromo ry' imigabane ihuje icyita igisubizo 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha uburyo busanzwe bwo guteranya no gukuramo

<p>ihuje icyita, igisubizo kitarenze 1.</p> <p>5) Gukora uduhurizo akoreshamo imigabane.</p>	<p>kitarenga 1.</p> <ul style="list-style-type: none"> - Icyuzuzo cy'umugabane kuri 1. - Uduhurizo ku migabane. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga uduhurizo duhuje n'ubuzima busanzwe
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa 3 agomba gushobora :</i></p> <p>1. Gukoresha imfashanyigisho zabugenewe mu gupima uburebure.</p> <p>2. Gusoma, kwandika, guhinduranya ingero z'uburebure.</p>	<p><u>UMUTWE WA KABIRI : INGERO</u></p> <p>A. INGERO Z'UBUREBURE</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ipima ry'uburebure - Ibinyabumwe by'ingero z'uburebure (km, hm, dam, m, dm, cm, mm) - Ihinduranya ry'ingero z'uburebure, igisubizo kitarenze 9 999 (ava ku kinini ajya ku gito). 	<ul style="list-style-type: none"> - Gukoresha imfashanyigisho zabugenewe bapima uburebure , ibitembabuzi n' uburemere bw'ibantu bitandukanye - Gutangira amasomo y'ingero hanze abanyeshuri bapima, bagereranya nyuma bagera mu ishuri bagatanga umwanzuro w'ibyo babonye hanze, bagakora n'imyitozo - Mu guhinduranya ingero kwifashisha imbonerahamwe y'ingero

<p>3. Gukoresha amategeko y'ibara ku ngero z'uburebure.</p> <p>4. Gukora uduhurizo ku ngero z'uburebure.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Amategeko y'ibara : - Iteranya n'ikuramo ry'ingero z'uburebure - Ikuba n'igabanya ry'ingero z'uburebure n'umubare ushyitse. - Uduhurizo ku ngero z'uburebure. 	
B. <u>INGERO Z'IBITEMBABUZI</u>		
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa 3 agomba gushobora :</i></p> <p>1. Gukoresha imfashanyigisho zabigenewe mu gupima ibitembabuzi.</p> <p>2. Gusoma, kwandika, guhinduranya ingero z'ibitembabuzi.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Ipima ry'ibitembabuzi - Ibinyabumwe by'ingero z'ibitembabuzi (hl, dal, l, dl, cl, ml) - Ihinduranya ry'ingero z'ibitembabuzi, igisubizo kitarenze 9 999 (ava ku kinini ajya ku gito). 	

<p>3. Gukoresha amategeko y'ibara mu ngero z'ibitembabuzi.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Amategeko y'ibara : <ul style="list-style-type: none"> ▪ iteranya n'ikuramo ry'ingero ▪ z'ibitembabuzi ▪ ikuba n'igabanya ry'ingero z'ibitembabuzi n'umubare ushyitse w'umubarwa umwe. 	
<p>4. Gukora uduhurizo ku ngero z'ibitembabuzi.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Uduhurizo ku ngero z'ibitembabuzi. 	
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu agomba gushobora :</i></p>	<p style="text-align: center;">C. <u>INGERO Z'UBUREMERE</u></p>	
<p>1) Gukoresha imfashanyigisho zabugenewe mu gupima uburemere. 2) Gusoma, kwandika, guhinduranya ingero z'uburemere.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Ipima ry'uburemere. - Ibinyabumwe by'ingero z'uburemere (kg, hg, dag, g) - Ihinduranya ry'ingero z'uburemere, igisubizo kitarenze 9 999 bava ku kinini bajya ku gito). 	

	<ul style="list-style-type: none">- Amategeko y'ibara :<ul style="list-style-type: none">o iteranya n'ikuramo ry'ingero z'uburemere.o ikuba n'igabanya ry'ingero z'uburemere n'umubare ushyitse w'umubarwa umwe.- Uduhurizo ku ngero z'uburemere.	
3) Gukoresha amategeko y'ibara mu ngero z'uburemere.		
4) Gukora uduhurizo ku ngero z'uburemere.		

*Umunyeshuri urangije
umwaka wa gatatu
agomba gushobora :*

- 1) Gutandukanya amafaranga y'amanyarwanda.
- 2) Kuvunja amafaranga y'amanyarwanda atarenze 5000.
- 3) Gukora uduhurizo tujyanye n'ikoreshwa ry'amafaranga atarenze 9 999.

D. AMAFARANGA

Ibiceri n'inoti by'amafaranga y'u Rwanda.

Ivunja ry'inoti n'ibiceri mu igura n'igurisha.

Uduhurizo ku mafaranga.

- Gukoresha uburyo bwakoreshejwe mu mwaka wa kabiri

<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu agomba gushobora :</i></p>	<p>E. <u>IGIHE</u></p>	
<p>Gusoma isaha ishyitse, irenzeho cyangwa ibura iminota.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Igihe cyerekana n'isaha. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha amasaha afite inshinge
<p><i>Umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu agomba gushobora :</i></p>	<p>UMUTWE WA 3 : <u>amashushongero n'ibyerekezo</u></p>	
<p>1) Gukoresha igongo n'inguni avangura kandi ashushanya imfuruka zifunganye, zagutse cyangwa zigororotse.</p> <p>2) Gushushanya kare n'urukiramende acamo ingwagati</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Imfuruka zifunganye, zagutse cyangwa zigororotse - Kare n'urukiramende : ingwagati n'impuzampembe 	<ul style="list-style-type: none"> - Kwifashisha ibikoresho bya bugenewe mu gushushanya no gupima imfuruka - Kwibutsa uko bashaka umuzenguruko wa kare n'urukiramende - Kwifashisha ikinyatuzu n'agacamurongo mu

n'impuzampembe		
3) Gutandukanya no gushushanya amoko anyuranye ya mpandeshatu.	- Mpandeshatu nyanguni, mpandeshatu nyampanga, mpandeshatu ndinganire.	- gushushanya kare n'urukiramende, guca ingwagati n'impuzampembe - Gufasha abana gutandukanya amoko y'impandeshatu bitegerezza, bapima bakanashushanya
4) Gushaka umuzenguruko wa za mpandeshatu.	- Umuzenguruko wa mpandeshatu.	- Gufasha abana gupima umuzenguruko wa mpandeshatu bifashishije ilati
5) Gutahura uruziga mu yandi mashushongero no kurushushanya	- Uruziga.	- Kwifashisha agati n'umugozi mu guca uruziga hanze - Gufasha umwana gutahura uruziga mu yandi mashushongero

UMWAKA WA 3 : IGIHEMBWE CYA MBERE

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Gusoma, Kubara kwandika, gusesengura no kugereranya imibare kuva kuri 0 kugeza kuri 300	Ingero z'uburebure kuva kuri Km-m	—
3	Guteranya babitsa cyangwa batabitsa igiteranyo kitarenze 3000 Ibiranga iteranya	Ingero z'ibitembabuzi kuva kuri hl-dl	—
4	Gukuramo badatira cyangwa batira imibare itarenze 3	—	imfuruka zigorotse, zifunganya n'izagutse
5	Gukuba n'umubare w'umubarwa umwe Mara ya 7	ingero z'uburemere kuva kuri kg-g	—
6	Gukuba n'umubare w'imabarwa 2 Gukuba na 10, 100, 1000	ihinduranya ry'ingero	gushushanya imfuruka zigorortse, zifunganye n'izagutse

7	Kugabanya n'umubare w'umubarwa umwe	—	—
8	Mara ya 8	Imyitotozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure n'izitwara igisubizo kitarenga 2000	—
9	Mbare bateranya cyangwa bakuramo	—	—
10	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
11	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

UMWAKA WA 3 : IGIHEMBWE CYA KABIRI

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Mbare bakuba cyangwa bagabanya	Uduhurizo turimo ingero: z'uburebure, z'ibitembabuzi n'iz'uburemere	—
3	Imyitotozo n'amahurizo ku mategeko y'ibara	—	—

4	Gusoma, kubara, kwandika kugereranya no gusesengura imibare kuva ku 100-9999	ingero z'uburebure kuva kuri km-m	imfuruka zinyuranye
5	Guteranya babitsa, gukuramo batira imibare itarenze 9999	_____	_____
6	Mara ya 9 Umugabo wa 9	_____	Kuranga kare n'umuzenguruko wayo
7	Ibiranga ikuba Gukuba na 10, 100, 1000	ingero z'ibitembabuzi kuva kuri hl-ml	_____
8	Gushushanya imigabane no kuyigereranya itarenze ikizima 1 icyita kitarenze 10	guhinduranya ingero z'uburebure	_____
9	-	guhinduranya ingero z'ibitembabuzi	Kuranga urukiramende n'umuzenguruko warwo
10	Imyitozo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya	ivunja ry'inoti n'ibiceri mu igura n'igurisha	_____
11	Uduhurizo ku mategeko y'ibara	Uduhurizo ku mafaranga	_____
12	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
13	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

UMWAKA WA 3 : IGIHEMBWE CYA GATATU

<i>ICYUMWERU</i>	<i>IBARA</i>	<i>INGERO</i>	<i>AMASHUSHONGERO</i>
1	Iyibutsa	Iyibutsa	Iyibutsa
2	Gushaka umugabane w'umubarwa ushyitse	—	—
3	Imyitotozo yo guteranya, gukuramo, gukuba no kugabanya	amategeko y'ibara : guteranya, gukuramo, ingero z'uburebure	- ibiranga mpandeshatu
4	Guteranya imigabane ihuje icyita igisubizo kitarenze 1	guteranya, gukuramo, ingero z'ibitembabuzi	-amoko ya mpandeshatu : nyanguni, na ndinganire
5	Gukuramo imigabane ihuje icyita	guteranya, gukuramo, ingero z'uburemere	—
6	Igabanya risagura ry'imibare itarenze imibarwa 3 n'umubare 10 umubarwa 1	gukuba, kugabanya n'umubare ushyitse mu ngero z'uburebure, ibitembabuzi n'uburemere	—
7	Igabanya risagura ry'imibare itarenze imibarwa 3 n'umubare 10 umubarwa 1	imyitotozo yo guhinduranya ingero	Umuzenguruko wa mpandeshatu
8	Imigabane y'imibare ishyitse , ikibara kitarenze 1 icyita kitarenze 10, igisubizo ari umubare ushyitse	igihe cyerekana n'isaha	—

9	-icyuzuzo cy'umugabane ku kizima kimwe	—	- uruziga n'ibiruranga
10	Uduhurizo ku migabane	-uduhuzizo ku ngero	-uduhurizo ku mashushongero
11	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
12	Ikizamini	Ikizamini	Ikizamini

VI. IMBONEZAMASOMO

Imbonezamasomo y'imibare yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza ishingiye ku ruhare runini umunyeshuri agomba kugira mu gihe yiga, ibyo bituma umwana ashakashaka, akitegerezza, agakorakora, agahinduranya, agaterura, agapima, akavumbura akoresheje imfashanyigisho. Uruhare rwa mwarimu ni ukumuyobora.

Umwarimu ateganya imfashanyigisho zijiyanie n'isomo agiye kwigisha kandi zitarangaza abanyeshuri. Mu gihe bishoboka, abanyeshuri na bo barazizanira.

Imyigishirize y'isomo ry'imibare igomba kubahiriza imikurikiranire y'ibi bice :

- imboneshajisho
- ishushanya mibare
- imboneshabwenge

Mbere y'uko basubiza, mwarimu agomba guha abanyeshuri igithe gihagije cyo gutekereza no kwishakashakira.

Imyitoto umwarimu atanga igomba kwibanda ku bintu umunyeshuri ahura na byo mu buzima bwe busanzwe. Umwarimu agomba guha abanyeshuri imyitoto ihagije n'imikoro batahana. Umwarimu azahitamo kandi amasomo atangirwa hanze (urugero : - Ingero).

VII. ISUZUMABUMENYI

Mu isomo, umwarimu atanga ibibazo kugira ngo arebe niba abanyeshuri bakurikira kandi basobanukirwa n'imyitoto bahabwa. Ntagomba kandi kwinubira ibisubizo bimwe na bimwe bitangwa n'abanyeshuri, ahubwo agomba kubagarura mu nzira nziza.

Kugira ngo umwarimu arebe ko amasomo atanga yumvikanye akoresha isuzumabumenyi nyuma y'icyumweru kimwe cyangwa bibiri, n'ikizamini nyuma ya buri gihembwe na nyuma ya buri mwaka.

Mu ikosora, umwarimu azita ku banyeshuri bose ariko yibanda cyane cyane ku banyeshuri batari bahugukirwa n'inyigisho zitangwa.

VIII. INGINGO ZIHARIYE

1. Ibimenyetso by'ingero mu ndimi z'amahanga byari bisanzwe bikoreshwa ntibizahinduka
(Ingero : j4, h1, min 5, s 30, F 20)
2. Mu gутегуra imyitozo yo mu isuzumabumenyi, mwarimu ntagomba kwibanda ku bibazo akura mu gitabo cy'abanyeshuri, ashobora kubateganyiriza ibindi bibazo yihimbiye cyangwa akura mu bindi bitabo akurikije ubushobozi bwabo.
3. Ibibazo by'isuzumabumenyi bigomba gushingira kuri ibi :
 - Ubumenyi
 - Ubumenyingiro
 - Ubukesha
4. Mu myandikire y'imibare ishyitse kuva ku 1000 kugera ku 10 000 akadomo cyangwa akitso bijya bikoreshwa hagati y'imibarwa itatu n'iyibanziriza bizasimburwa n'akanya kahasigara (urugero 9 345)

IX. IBITABO BYIFASHISHIJWE

Umwanditsi	Izina ry'igitabo	Aho cyandikiwe	Umwaka
Ubuyobazi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga.	. IMIBARE 1 : - Igitabo cy' umunyeshuri	Icapiro ry' Amashuri KIGALI	1979
”	. IMIBARE 2 : - Igitabo cy'umwarimu - Imboneracapa rya 2	” ” ” ”	Mutarama 1987 [s.d.]
”	. IMIBARE 2 : Igitabo cy'umunyeshuri	”	
”	. IMIBARE 3 : - Igitabo cy'umwarimu, Iboneracapa rya 2	”	Mutarama 1987
”	. IMIBARE 3 : Igitabo cy'umunyeshuri	”	1982
”	. IMIBARE 3 : IMYIGISHIRIZE Y'IMIBARE MU MASHURI ABANZA.	”	Gashyantare 92 Kamena 1983
	Lexique spécialisé Français – Kinyarwanda	”	1985
Global Publishers KAMPALA	PRIMARY SCHOOL MATHEMATICS BK1 - BK2 - BK3	Uganda Bookshop	”
Matovu Fred F.K, Roy D. Holland	PRIMARY MATHEMATCS FOR UGANDA	”	”
Kiggundu-Mukasa Daniel et al. Mugumu Deogratias et al.	Primary Mathematics 2000. Pupil's books:2 and 3 Primary Mathematics 2000.Teachers guide 6	MK Publishers-Kampala ”	2000 2000

